



4. Ese ngize ibindi bibazo nibaza biyanye n'ubu bufatanye nabarizahe?

Igisubizo: Uramutse ugize ibindi bibazo wakwibaza ndetse ugakenera ibisubizo, wabaza umukozi ushinze ishyirwa mubikorwa ry'ubu buryo bushya bwo gukora ubushakashatsi ariwe Munyaneza Emmanuel kuri telefoni ngen danwa ifite numero: 0788213765 cyangwa umukozi ukurikirana ibikorwa byose bikorwa n'iri tsinda ry'abaganga b'inzobere mukubaga ariwe.



Jean Pierre NGANABASHAKA kuri telefoni ngen danwa ifite numero: 0783 749 374 cyangwa Umuyobozi w'iri tsinda ry'inzobere z'abaganga ariwe Profesi NTIRENGANYA Faustin kuri telefoni ngen danwa ifite numero:0788732667.

Mureke dufatanye twese mugushakira umuti ibibazo byugarije isi,cyane cyane ibijyanye n'indwara zivurwa hakoreshejwe uburyo bwom kubagwa.Tubashimiye ubufatanye muzatugarariza.



NIHR Global Health Research Unit on Global Surgery

UBURYO BUSHYA BWO GUKORA UBUSHAKASHATSI KUNDWARA ZIVURWA HAKORESHEJWE UBURYO BWO KUBAGWA ABATURAGE BABIGIZEMO URUHARE.



ABO TURIBO:

Turi itsinda ry'inzobere z'abaganga bigisha, bakavura ndetse bagakora ubushakashatsi kundwara zifata abantu, zikavurwa hakoreshejwe uburyo bwo kubagwa. Dukorera muri kaminuza y'u Rwanda, ishami ryigisha iby'ubuvuzi bw'abantu, mugashami kigisha ibijyanye no kuvura hakoreshejwe uburyo bwo kubagwa.

Kubufatanye n'izindi nzobere zituruka muri kaminuza yo mu Ubwongereza ya Birmingham, turitegura gutangira gukora ubushakashatsi kubibazo byugarije abaturage bifitanye isano n'indwara zivurwa hakoreshejwe uburyo bwo kubagwa. Ubu bushakashatsi buzibanda cyane cyane mugukorana n'abaturage hagamiywe kugaragaza umuti urambye kubibazo bi- bugarije ku isi yose.



INTEGO YACU N' IYIHE?

Intego yacu nyamukuru ni uguhanga udushya mukwita k'ubuzima bw'abatuye isi hagendewe kubiva mubushakashatsi bukorwa abaturage nabo ubwabo babigizemo uruhare. Ikigamijwe cyane ni Uruhare rw'abaturage mugutegura, gukora, kumenyekanisha ndetse no gushyira mubikorwa ibyavuye muri ubwo bushakashatsi.

IBYZA BYO BYO GUKORANA N'ABATURAGE MU BUSHAKASHATSI

Duhereye kubyagaragajwe n'ubushakashatsi bwakozwe, byagaragayeko ubushakashatsi bukorwa abaturage babigizemo uruhare butanga umusaruro n'impinduka mugutuma ubuzima burushyaho kugenda neza.

BIMWE MUBIBAZO USHOBORA KUBA WAKWIBAZA:

1. Ese gufatanya natwe bisaba kuba warize amashuri ahanitse?

Igisubizo: Oya, gukorana natwe ntibisaba kuba warize amashuri ahanitse, icyo bisaba gusa ni ubushake bwo kuba wagira uruhare mugushakira umuti urambye ibibazo byugarije isi bifitanye isano n'indwara zivurwa hakoreshejwe uburyo bwo kubagwa.



2. Ese gufatanya namwe bisaba kureka imirimo yanjye nkora ya buri munsi?

Igisubizo: Gufatanya natwe ntibisaba ko ureka imirimo yawe yaburi munsi, icyo bisaba gusa ni ugutanga umwanya muto ndetse n'ibitekerezo by'uburyo hakorwa ubushakashatsi kuri ibyo bibazo byugarije isi bifitanye isano n'inwara zifata abantu zikavurwa hakoreshejwe uburyo bwo kubagwa.

3. Ese byashoboka bite gufatanya namwe gukora ubushakashatsi ntabumenyi ndetse n'uburambe buhagije mbifitemo?

Igisubizo: Ntibigombera kuba ufite ubumenyi n'uburambe mugukora ubushakashatsi. Ibyo bizagenda bigerwaho uko urushaho gukorana natwe. Gutanga ibitekerezo hagaragazwa ibibazo bibabaje kurenza ibindi byanaherwaho mugushakirwa umuti urambye binyuze mugukora ubushakashatsi ni umusanzu ukomeye. Ibitekerezo byawe n'ingezi cyane kuritwe.